/NS.D./K.Aug./

C

20 JUILLET 1961

1451/Req.

TRANSMIS pour compétence à Monsieur le Premier Ministre
Ministre de l'Education Nationale à KIGALI.-

Kigali, le 20 Juillet 1961
Le Ministre
J.B.RWASIBO.-

---

/COPIE/

EXP. Tabaruka
E.P.E.R.
Rukoma le 15.7.61
B.P.56 Par Kigali
Prefecture (Gitarama) commune REMERA.

Monsieur le Ministre de l'Intérieur. Abagenga-Gihugu, ndabasuhuza mwes'inshuti z'Urwanda, ndetse natwe twishime kuko twavuye mu buhake.

Urwanda rwacu rumaze gutera intambwe rujy'imbere. Ntabwo twifuza ko rusubira inyuma. Ahubwo rukomeze rubone inyungu y'amajyambere. Ubuhake bwo kuzagaruka mu Rwanda. Mul'iki gihe twagize amahoro neza cyane, kubera ko twabonye abarenganura rubanda rugufi. Kandi rero haliho icyo mbabaza ngo munsobanulire. Ndababaza niba hakil' amashuli.

Mwabasha kumbwira ngo nanjye mbe nayabarizwa, ko ndi agakene nanjye ngo mbe nabona ikinzamura nibuze ngo ngire akazi mu Rwanda.

N'ukuntu nd'agakene ntacyo mfite Data na Mama ndaho gusa njyenyine. Ng'aya rero amashuli mbasaba kubarizwa. Moniteur café, Soldat, Moniteur forestier, kandi numvise yuko igituma basaba ishuli rizabarizwayo igihe ndagirango murinsobanulire n'akamaro rizamara; ndabasaba ngo muzamenyeshe igihe ayo mashuli azabera nanjye ngo nzajye kubazwa n'aho azabera. Ndabasaba ko mwazampa igisubizo, iribonetse ryose mul' ayo mashuli mbasabye.

Kandi rero haliho n'abandi babasaba kuyabarizwa.
Matie Mbonyumugenzi, Kamuhanda, Bagenga-gihugu ba Rwanda, amahoro abe hamwe na mwe mwese iteka ryose nshuti z'u Rwanda.

Je vous souhaite la bonne nuit.-

S/é illisible.-